**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**ITANGAZO RISOZA INAMA YA KANE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI TARIKI 15-18 UKUBOZA 2020**

Kuva w'itariki ya 15 kugeza kuya 18 Ukuboza 2020, Abepiskopi Gatolika bahuriye i Kigali ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda mu nama yabo isanzwe y'igihembwe cya 4 cy'uyu mwaka 2020. Iyi nama yayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi.

Muri iyi nama kandi, hari hatumiwemo abantu banyuranye barimo Intumwa ya Papa mu Rwanda Myr Andrzej Józwowicz waje mu muhango wo gufungura inama nk'uko bisanzwe. Abepiskopi bakiriye na bagenzi babo bagiye mu kiruhuko kugira ngo bifurizanye Noheli n'umwaka mushya. Batumiyemo kandi abagize Komite y'Ishyirahamwe rihuza Abiyeguriyimana (ASUMA: **A**ssociation des **S**uperieurs **Ma**jeurs) mu rwego rwo gushyigikirana mu ikenurabushyo buri muryango witangira ukurikije ingabire, "*charisme*", yawo yihariye.

Nyuma yo gusangira isengesho, yatangaje ingingo z'ingenzi zizaganirwaho. Ingingo nyamukuru yibanzweho yerekeranye n'ubuzima n'uburere bw'abafaratiri muri za Seminari Nkuru. Covid-19 yakomye mu nkokora amashuri yose yafunzwe mu gihe cy'amezi arindwi yose. Nk'andi mashuri, Seminari nkuru zose zarahagaze. Ariko zasubukuye amasomo ku buryo babashije gusoza umwaka bari bacikije muri Werurwe 2020.

Iyi nama yanahaye izindi Servisi na Komisiyo z'Inama y'Abepiskopi umwanya wo kubagezaho uko ubutumwa bukomeje gusohozwa mu iki gihe icyorezo cya Covid-19 gikomeje kuyogoza isi yose. Zimwe muri izo Servisi byabaye ngombwa ko ziba zihagaritse bamwe mu bakozi igihe gito muri ariya mezi ya **"Guma mu rugo"** ariko ubu bose basubukuye imirimo yabo. Muri iyi nama higiwemo na none izindi ngingo zerekeranye n'iyogezabutumwa rusange.

Ku munsi wa mbere, Intumwa ya Papa mu Rwanda yasangije Abepiskopi amakuru arebana na Kiliziya mu rwego rw'isi yose. Baboneyeho umwanya wo gushimira Nyirubutungane Papa Fransisko kuba yarahaye Kiliziya y'u Rwanda Umukaridinali wa mbere mu mateka yacu. Intumwa ya Papa mu Rwanda yishimiye umubano mwiza uri hagati ya Leta y'U Rwanda n'Ubuyobozi bwite bwa Vatikani yizera ko uzakomeza kujya mbere mu bufatanye busesuye kandi bwaguye buri wese abigizemo uruhare. Yabashimiye kandi imitegurire n'ubwiza bw'umunsi wo gushimira Imana no kwishimira Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, ku wa 6 Ukuboza 2020 muri KIGALI ARENA. Abepiskopi bahanahanye amakuru yaranze ubutumwa bwabo mu madiyosezi bayobora muri iki gihembwe gisoza umwaka wa 2020. Basoje umunsi wa mbere basuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yose bafatiye mu nama z'umwaka wose kugira ngo ibyakererejwe na Covid-19 byitabweho by'umwihariko. Basanze yarashyizwe mu bikorwa ku rugero rushimishije cyane muri ibi bihe by'amage!

Ku munsi wa kabiri w'iyi nama, Abepiskopi bateze amatwi abayobozi b'amaseminari makuru uko ari ane: iya Nyumba n'iya Rutongo batangiriramo, iya Kabgayi baguriramo ubumenyi bananonosora umuhamagaro wabo, ndetse n'iya Nyakibanda izikuriye zose mu kwagura no gusanganya ubumenyi n'ubuyoboke mbere yo kwakira inshingano zihariye muri Kiliziya, Umuryango w'abana b'Imana, kugera ku bupadiri. Babagejejeho uko bahanganye n'ibihe biruhije basanga umusaruro warabaye mwiza mu gihe cyarimo imbogamizi nyinshi zihariye. Koko rero nyuma yo guhagarika umwaka w'ishuri amasomo yarasubukuwe umwaka wa 2019-2020 usozwa neza ndetse n'ukurikiyeho uratangira ku buryo uzarangirira igihe gisanzwe kubera ko buri wese yiyemeje kwitanga kugira ngo bishoboke. Bahamya ko iki cyorezo cyabibukije ko gutanga amasomo hifashishijwe ikoranabuhanga ari ingenzi ku buryo nabyo biri mu bigomba kongererwa imbaraga. Ikindi kizitabwaho cyane ni ugufasha buri wese kwiyakira mu mateka ye bwite kugira ngo umuhamagaro woye kwakirirwa mu manegeka ahubwo ushinge imizi mu buzima bufite intego yo kunyura Imana uko ibyifuza.

Ku munsi wa gatatu, Abepiskopi basuzumye raporo z'amakomisiyo n'amaserivisi y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. N'ubwo iminsi mibi y'iki cyorezo cya Covid-19 yabaciyemo igikuba ntiyabaciye intege. Abapadiri ntibigeze bahagarika akazi kabo, hari abakozi babashije gukorera mu ngo zabo bitanga umusaruro mwiza kandi abashoboye kugaruka ku kazi bagerageje kwitanga.

Muri iyi minsi itatu ibanza kandi, ni ho higiwe ibibazo binyuranye mu rwego rwo kunoza imikorere n'imikoranire no gusubukura gahunda y'Amakoraniro y'Ukaristiya mu maparuwasi yacu, diyosezi ndetse no mu rwego rw'Igihugu tugendeye ku ngengabihe y'ikoraniro mpuzamahanga ry'Ukaristiya i Budapest ryimuriwe muri Nzeli 2021. Hanonosowe gahunda y'inama, umwiherero nyobokamana n'imihimbazo y'umwaka utaha w'2021.

Umunsi wa kane ari nawo wa nyuma wahariwe gusura inyubako y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda iri ku Ruyenzi hagamijwe gusuzuma aho imirimo igeze n'ibikibura bigomba kwitabwaho mu maguru mashya. Byongeye, hanogejwe ingingo zose zagiye zicikanwa. Habaye umushyikirano mwiza hagati y'Abepiskopi n'abahagarariye Imiryango y'Abiyeguriyimana mu Rwanda ku iyogezabutumwa rigeza inkuru nziza y'umukiro ku bantu bose.

Inama yasojwe kuri uyu wa gatanu tariki ya 18/12/2020, saa munani na 15 (14h15), hemezwa imyanzuro y'inama n'itangazo riyisoza. Abepiskopi bifurije Abakristu by'umwihariko n'abaturarwanda bose kuzagira Noheli y'ibyishimo bishingiye ku Mana n'umwaka mushya w'amahoro asesuye.

Bikorewe i Kigali, ku wa 18/12/2020

✠ **Filipo Rukamba,**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Butare akaba na
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *

**Padiri Maritini NIZIGIYIMANA,**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda